



ITEGANYAGIHE RY'IGIHEMBWE CY'UMUHINDO (NZERI-UKUBOZA) 2023, N°65

Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (METEO RWANDA) kinejewe no gutangariza Abaturarwanda bose ko muri rusange mu Muhindo wa 2023 hateganyanyijwemo imvura iziyongera kurusha isanzwe igwa muri icyo gihembwe.

Ibi biraterwa ahanini n'ubushyuhe bwo mu Nyanja ngari cyane cyane iya Pasifika n'iy'Abahinde bwiyoungereye muri iyi minsi burenga impuzandengo (ubusanzwe) muri iki gihe buzwi nka ELININO (El Nino); ndetse biragaragara ko buzakomeza kwiyoungera muri iki gihembwe cy'Umuhindu wa 2023. Niyo mpamvu ahenshi mu karere u Rwanda ruherereyemo imvura iteganyijwe kuziyongera kurusha isanzwe igwa mu Muhindo. Imvura iteganyijwe igereranywa n'iyaguye mu Muhindo wa 1997, 2002 na 2006.


Ingano y'imvura iteganyijwe mu gihembwe cy'Umuhindu dushingiye ku miterere y'Uturere:

- ❖ **Imvura iri hagati ya milimetero 300 na 400** iteganyijwe mu majyaruguru y'iburasirazuba bw'Akarere ka Kirehe no mu burasirazuba bw'Akarere ka Kayonza.
- ❖ **Imvura iri hagati ya milimetero 400 na 500** iteganyijwe henshi mu turere twa Kayonza, Rwamagana, Gatsibo, Kirehe, Nyarugenge na Kicukiro, Ibice bike by'amajyepfo y'iburasirazuba bw'Akarere ka Nyagatare, iburasirazuba bw'Akarere ka Gasabo, no mu majyepfo y'Uturere twa Kamonyi, Ruhango, Nyanza na Gisagara.
- ❖ **Imvura iri hagati ya milimetero 500 na 600** iteganyijwe mu bice byinshi by'Uturere twa Nyagatare, Gicumbi, Rulindo, Gasabo, Kamonyi, Muhanga, Ruhango, Nyanza, Huye na Gisagara, ndetse no mu majyepfo y'Akarere ka Gakenke, uburengerazuba bw'Uturere twa Kayonza na Rwamagana.
- ❖ **Imvura iri hagati ya milimetero 600 na 700** iteganyijwe mu Turere twa Rubavu, Nyabihu, Rutsiro, Ngororero Burera, Musanze na henshi mu Karere ka Karongi, Nyaruguru na Gakenke, iburengerazuba bw'Uturere twa Nyamasheke na Rusizi, ibice bito by'amajyaruguru y'Uturere twa Rulindo na Gicumbi, henshi mu burasirazuba bw'Akarere ka Nyamagabe, no mu bice bito by'iburengerazuba by'Uturere twa Muhanga, Ruhango, Nyanza na Huye.






- ❖ Imvura iri hagati ya milimetero 700 na 800 iteganyijwe mu bice bya Pariki y'Igihugu ya Nyungwe cyane cyane mu Karere ka Nyamagabe, uburengerazuba bw'Akarere ka Nyaruguru, iburasirazuba bw'Uturere twa Rusizi na Nyamasheke ndetse n'agace gato k'amajyepfo y'Akarere ka Karongi






Amatariki y'itangira ry'imvura y'Umuhindo 2023



Amatariki y'icika ry'imvura y'Umuhindo wa 2023





ITANGIRA RY'IMVURA Y'UMUHINDO 2023

Nk'uko bisanzwe imvura y'umuhindo ntitangirira rimwe mu Rwanda.

❖ Hagati y'itariki ya 3 kugeza 10 Nzeri 2023

Hateganyijwe ko imvura y'Umuhindo izatangirira mu karere ka Rubavu, henshi muri Rutsiro, Nyabihu, Musanze ndetse no mu burengerazuba bw'Akarere ka Ngororero.

❖ Hagati y'itariki ya 11 na 17 Nzeri 2023

Hateganyijwe ko imvura y'Umuhindo izatangira kugwa mu turere twa Nyamasheke, Karongi, Rusizi, Gakenke na Burera, iburasirazuba bw'uturere twa Musanze, Nyabihu na Ngororero, amajyaruguru y'Uturere twa Gicumbi, Rulindo, Muhanga na Kamonyi ndetse n'iburengerazuba bw'Akarere ka Nyamagabe.

❖ Hagati y'itariki ya 18 na 24 Nzeri 2023

Hateganyijwe ko imvura y'Umuhindo izatangira kugwa mu Turere twa Nyaruguru, Nyanza, Huye, Gisagara, Ruhango, Kamonyi, Nyarugenge, Gasabo, Nyagatare na Gatsibo, iteganyijwe kandi ko izatangira mu majyepfo y'Uturere twa Muhanga, Gicumbi na Rulindo ndetse no mu bice bike by'amajyaruguru y'Akarere ka Kicukiro.

❖ Hagati y'itariki ya 25 Nzeri na 01 Ukwakira 2023

Hateganyijwe ko imvura y'Umuhindo izatangira kugwa mu Turere twa Bugesera, Rwamagana, Ngoma na Kayonza, henshi mu majyepfo y'Uturere twa Gasabo, Kicukiro na Gatsibo, mu burasirazuba bw'Uturere twa Kamonyi, Ruhango, Nyanza na Gisagara ndetse no mu majyaruguru y'Akarere ka Kirehe.

❖ Hagati y'itariki ya 02 na 08 Ukwakira 2023

Hateganyijwe ko imvura y'Umuhindo 2023 izatangira kugwa mu majyepfo y'iburasirazuba bw'Akarere ka Kirehe.

ICIKA RY'IMVURA Y'UMUHINDO 2023

Hateganyijwe ko imvura y'Umuhindo 2023 izacika mu buryo bukurikira:

Hagati y'itariki ya 13 n'ya 20 Ukuboza 2023 mu burasirazuba bw'Uturere twa Kirehe, Gatsibo, Kayonza na Nyagatare mu Ntara y'Iburasirazuba.





Hagati ya tariki ya 21 n'ya 27 Ukuboza 2023 hose mu Ntara y'Iburengerazuba, Amajyaruguru, Amajyepfo, iburengerazuba bw'Intara y'Iburasirazuba no mu Muji wa Kigali.

Imvura iteganyijwe muri milimetero (mm), igihe izatangirira n'igihe izacikira mu Muhindo wa 2023

Intara	Akarere	Imvura iteganyijwe (mm)	Itangira ry'imvura	Icika ry'imvura
Umujyi wa Kigali	Nyarugenge	500-600 (amajyaruguru) 400-500 (henshi)	18-24 Nzeri	21-27 Ukuboza
	Gasabo	500-600 (henshi) 400 - 500 Iburasirazuba	18-24 Nzeri 25 Nzeri 1 Ukwakira	21-27 Ukuboza
	Kicukiro	500 - 600 (amajyaruguru) 400-500 (henshi)	18-24 Nzeri 25 Nzeri 1 Ukwakira	21-27 Ukuboza
Intara y'Amajyaruguru	Musanze	600 – 700	03-10 Nzeri 11-17 Nzeri	21-27 Ukuboza
	Burera	600-700	11-17 Nzeri	21-27 Ukuboza
	Gicumbi	600-700 (uburengerazuba) 500 – 600 (henshi)	11-17 Nzeri 18-24 Nzeri	21-27 Ukuboza
	Rulindo	600-700 (amajyaruguru) 500-600 (henshi)	11-17 Nzeri 18-24 Nzeri	21-27 Ukuboza
	Gakenke	600-700 (henshi) 500-600 (amajyepfo)	18-24 Nzeri 18-24 Nzeri	21-27 Ukuboza
Intara y'Amajyepfo	Kamonyi	500-600 (henshi) 400-500 (iburasirazuba)	11-17 Nzeri 18-24 Nzeri 25 Nzeri 1 Ukwakira	21-27 Ukuboza
	Muhanga	400-500 (henshi) 500-600 (iburengerazuba)	11-17 Nzeri 18-24 Nzeri	21-27 Ukuboza
	Ruhango	500-600 (henshi) 400-500 (iburasirazuba) 600-700 (iburengerazuba)	18-24 Nzeri 25 Nzeri 1 Ukwakira	21-27 Ukuboza



7



Intara	Akarere	Imvura iteganyijwe (mm)	Itangira ry'imvura	Icika ry'imvura
	Nyanza	500-600 (henshi) 400-500 (iburasirazuba) 600-700 (iburengerazuba)	18-24 Nzeri 25 Nzeri 1 Ukwakira	21-27 Ukuboza
	Huye	500-600 (henshi) 600-700 (iburengerazuba)	25 Nzeri 1 Ukwakira	21-27 Ukuboza
	Gisagara	500-600 (henshi) 400-500 (iburasirazuba) 600-700 (iburengerazuba)	18-24 Nzeri 25 Nzeri 1 Ukwakira	21-27 Ukuboza
	Nyamagabe	600-700 (iburasirazuba) 700-800 (henshi)	11-17 Nzeri 18-24 Nzeri	21-27 Ukuboza
	Nyaruguru	600-700 (henshi) 700-800 (iburengerazuba)	18-24 Nzeri	21-27 Ukuboza
Intara y'Iburasirazuba	Bugesera	400-500	25 Nzeri -1 Ukwakira	21-27 Ukuboza
	Rwamagana	400-500 (henshi) 500-600 (iburasirazuba)	25 Nzeri -1 Ukwakira	21-27 Ukuboza
	Kayanza	300-400 (iburasirazuba) 400-500 (henshi) 500-600 (Iburengerazuba)	25 Nzeri -1 Ukwakira	21-27 Ukuboza 13-20 Ukuboza
	Ngoma	400-500	25 Nzeri -1 Ukwakira	21-27 Ukuboza
	Kirehe	300-400 (iburasirazuba) 400-500 (henshi)	25 Nzeri -1 Ukwakira 02-08 Ukwakira	21-27 Ukuboza 13-20 Ukuboza
	Gatsibo	400-500 (henshi) 500-600 (Iburengerazuba)	18-24 Nzeri 25 Nzeri to 1 Ukwakira	21-27 Ukuboza 13-20 Ukuboza
	Nyagatare	400-500 (henshi) 500-600 (amajyepfo y'iburasirazuba)	11-17 Nzeri 18-24 Nzeri 25 Nzeri to 1 Ukwakira	21-27 Ukuboza 13-20 Ukuboza



7



Intara	Akarere	Imvura iteganyijwe (mm)	Itangira ry'imvura	Icika ry'imvura
Intara y'Iburengerazuba	Nyabihu	600 – 700	03-10 Nzeri 11-17 Nzeri	21-27 Ukuboza
	Rubavu	600-700	03-10 Nzeri	21-27 Ukuboza
	Rutsiro	600-700	03-10 Nzeri 11-17 Nzeri	21-27 Ukuboza
	Karongi	600-700 (henshi) 700-800 (amajyepfo)	11-17 Nzeri	21-27 Ukuboza
	Ngororero	600-700 (henshi) 500-600 (agace gato k'iburasirazuba)	03-10 Nzeri 11-17 Nzeri	21-27 Ukuboza
	Nyamasheke	600-700 (henshi) 700-800 (iburasirazuba)	11-17 Nzeri	21-27 Ukuboza
	Rusizi	600-700 (henshi) 700-800 (iburasirazuba)	18-24 Nzeri 11-17 Nzeri	21-27 Ukuboza

ICYITONDERWA

Ikigo cy'u Rwanda Gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (METEO RWANDA) gishingiye kuri iri teganyagihe ry'imvura y'Umuhindo wa 2023, kirashishikariza inzego zose za Leta, imiryango idaharanira inyungu, imishinga itandukanye ikorera mu Rwanda, ibigo by'abikorera ku giti cyabo ndetse n'Abaturarwanda bose muri rusange, gushingira kuri iri teganyagihe bagafata ingamba zijyanye n'ibikorwa byabo.

By'umwihariko, dushingiye kuri iri teganyagihe ry'igihembwe cy'Umuhindo 2023 (Igihembwe cy'ihinga 2024A). inzego z'ubuhinzi ziragirwa inama yo kwihutisha imirimo yo gutegura imirima hibandwa ku bikorwa byo kurwanya isuri, kwihutisha kugeza inyongeramusaruro ku bahinzi no guterera imbuto ku gihe cyavuzwe mu mbonerahamwe y'imvura iteganyijwe.

METEO RWANDA ku bufatanye na Minisiteri y'Ubuhanzi n'Ubworozi n'Ikigo Gishinzwe Iterambere ry'Ubuhanzi n'Ubworozi (RAB), Minisiteri ishinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA) n'abandi bafatanyabikorwa bazakomeza gukorana bya hafi muri gahunda zorohera Abaturarwanda kubona amakuru y'ubumenyi bw'ikirere ku gihe kugirango



7



bayashingireho mu igenamigambi no mu ifatwa ry'ibyemezo bitandukanye harimo no kwirinda ibiza.

Abakeneye ibindi bisobanuro birambuye kuri iri teganyagihe n'uburyo rikoreshwa barasabwa kwegera METEO RWANDA bakoresheje imbuga nkoranyamabanga zitandukanye z'iki kigo cyangwa bagahamagara kuri numero itishyurwa 6080.

Iri teganyagihe ry'igihembwe ryunganirwa n'irindi risanzwe rya buri kwezi, iry'Iminsi icumi (10), iry'iminsi irindwi (7), iry'iminsi itatu (5), iry'iminsi itatu (3), iteganyagihe rya buri munsu ndetse n'iteganyagihe riburira.

Bikorewe Kigali, kuwa 24/08/2023.

Aimable GAHIGI
Umuyobozi Mukuru

